# 433: Yemw' abasubir' iyo muva

1.
Yemw' abasubir' iyo muva, I kuzimu kwa Nyamutezi, Mukarekur' Umusaraba, Ko muneshejwe ?

Ref:
Yes' ubw' azagaruka, Aje kwim' ingoma ve, Tuzamurebesh' amas' as' ate, Dufit' ibyaha?

2.
Ubw' utihanira gukizwa, Ukaturir' abantu gusa,Ngo bakumenye k' ukijijwe, Urushywa n'iki ?

3.
Ubw' ur' umuntu w'umwigisha, Wigish' abant' iby'Uwiteka, Ntubageze ku Musaraba, Wigish' iki se ?

4.
Ubw' ur' umunyangeso nziza, Ushyitsa byose by'Itorero, Ntusohore ku Musaraba, Wizey' iki se ?

5.
Ubw' ur' umunyabwenge bwinshi, Byos' uzi no kubigenzura,K' uyobew' iby'Umusaraba, Bikuvuy' iki ?

6.
Ubw' ur' umunyesoni nyinshi, Utinya kwihana ng' ukizwe, Wibwira kw ar' uguhemuka, Uzageza he ?

7.
Ngik' icyambu cy'amaraso ye, Wirohemo, wa mutindi we. Hi kub' agace wasigaza Katuhagiwe.

Visit us at indirimbo.com